



Ikiyamakuru ku miterere y'ibihe N°15/2017:

Taliki ya 1–31 Gicurasi 2017

Ryoherejwe kuwa 2 Kamena 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Gicurasi 2017; cyagaragaje imvura yabaye nke; uretse mu gihugu hagati ugana mu majyepfo y'Uburasirazuba aho imvura yagaragaye ko yabaye nyinshi.
- o **Ububobere bw'ubutaka** bwaragabanutse mu gihugu hose kuva mu gice cya mbere kugeza mu cyanyuma cy'ukwezi kwa Gicurasi_2017
- o **Ukwezi kwa Kamena 2017**; hateganyijwe **imvura** mu bice byinshi by'Amajyaruguru ndetse n'Uburengerazuba; ahandi hose mu gihugu hagaragaye ibihe bisanzwe by'impeshyi.


I. Iriburiro

Ku bupimiro bwa Gitega (mu gihugu hagati) ndetse n'ubwa Ngoma (mu Majyepfo y'Uburasirazuba) mu kwezi kwa Gicurasi hagaragaye imvura iri hejuru gato kuyari isanzwe iboneka muri uko kwezi naho ahandi mu gihugu hagaragara imvura nke.

- a) Imbonerahamwe zikurikira zirerekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu Gicurasi_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Gicuras i_2017	Gicur asi
Kigali	97.2	100.1
Rusizi (Kamembe)	64.4	97.5
Rubavu (Gisenyi)	37.5	95.5
Nyamagabe (Gikongoro)	76.2	135.1
Ngoma (Kibungo)	144.2	115.7
Gicumbi (Byumba)	112.2	124.4
Bugarama	56.1	102.4
Musanze (Ruhengeri)	99.9	146.8
Gitega	86.2	63.7
Rubengera	67.9	115.9
Byimana	113.3	156.3
Kawangire	114.8	103.9
Nyagatare	57	89.5




Igishushanyo 1


Imbonerahamwe ya

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Gicurasi_2017; imvura isanzwe igwa muri uko kwezi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mata_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri uko kwezi.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Gicurasi_2017




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Gicurasi



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Mata_2017



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Mata



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Gicurasi_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Gicurasi_2017; cyagaragaje imvura yiyongereye mu majyepfo y'Uburasirazuba bw'igihugu ndetse no mu gihugu hagati ikanagabanuka ahandi hose hasigaye ku kigero cyo muni y'iyari isanzwe iboneka muri uko kwezi (reba **Ikarita1&2**). Ku bupimiro hafi ya bwose hagaragaye imvura nke itarabashije kugera ku gipimo cy'isanzwe igwa muri Mata; uretse ubupimiro bwo mu Majauguru ndetse n'ubwo ku Gitega (Umujyi wa Kigali) hagaragaye imvura iri mu kigero cy'iyi dusanzwe tubona kugera hejuru (reba **Ikarita3&4**)

a) Intara y'Uburasirazuba

Ukupimiro bw'iyi Ntara habonetse imvura iri ku kigereranyo cyo muni y'isanzwe ihaboneka; uretse ubupimiro bwa Ngoma hagaragaye imvura nyinshi mu gihugu hose ingana na mm144.2 (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)


Muri rusange mu zindi Ntara, kuri buri bupimiro hagaragaye imvura yabaye nke ugereranyije n'isanzwe igwa mu kwezi kwa Gicurasi (reba **Imbonerahamwe ya1** n' **Ikarita ya1&2**)

b) Umujyi wa Kigali

Ubugumyiro bwose bw'Umujyi wa Kigali hagaragaye imvura iri ku kigereranyo kingana n'isanzwe iboneka muri uku kwezi (reba **Imbonerahamwe ya1 n'Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu Gicurasi_2017; igabanuka ry'imvura ryateye ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka nkuko bigaragazwa n' **Ikarita 5, 6&7**; Bitewe no kuva mu bihe by'imvura tugana mu bihe by'impeshyi.

Muri Kamena_2017; hateganijwe imvura izaba nke mu Majyaruguru ndetse n'Uburengerazuba naho ahandi hasigaye hakarangwa n'ibihe bisanzwe by'impeshyi. Abahinzi barasabwa gushyira mu bikorwa ingamba zose mu gufasha imirimo yo mu mirima

Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Kamena 2017

Hateganijwe imvura izaba nke mu Majyaruguru ndetse n'Uburengerazuba; ahandi hose mu gihugu hakarangwa cyane cyane n'ibihe by'izuba n'ibicu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)